*Mata 2025* *ikinyarwanda*

# Korana byose ubwitange!

**Tekerereza abandi iby'ukwizera kwawe kukuzuye umutima!** (reba. 1 Petr 3,15)

**Kontakt:** Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: m.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Nshuti bakunzi ba go4peace,

muri uyu mwaka mutagatifu, aho Papa Fransisko adutumirira gufata urugendo nk'abahamya b'ukwizera, Edita uturuka mu gihugu Kosovo aragabaniriza muri Mata"ibihe bikomeye by'ukwizera yagize mu buzima bwe:

Nk'umuganga muto, ndakorera muri Kosovo, igihugu cyanjye. Uretse akazi kanjye, nita ku rubyiruko ruri kwitegura umwuga w'ubuvuzi. Mu itsinda ry'aba banyeshuri, umwaka ushize hari umukobwa muto wagize ibihe bikomeye mu rugo. Se we yaretse umuryango, nyina yarwaye kanseri, kandi uwo mukobwa muto ntiyari azi neza uko ibintu bizagenda.

„Umwuga wanjye w'ubuganga nawutangiriye mu gihugu cyanjye cy'amavuko cya Kosovo. Uretse akazi kanjye gasanzwe nka muganga, nitaga ku rw'abanyeshuri biteguraga umwuga w'ubuvuzi. Muri iryo tsinda ry'abo banyeshuri, harimo mu mwaka ushijze umukobwa muto wari ufite ibibazo bikomeye mu muryango we. Ise yari yarataye umuryango arigendera, nyina yari arwaye kanseri, mu by'ukuri uyu mwana w'umukobwa ntiyabonaga neza aho ibintu bigana.

Nari narumvise ibibazo bye ariko nahoraga niyumvisha ko nta kintu nshobora kumufasha. Icyakora numvaga nshobora kumutega amatwi. Ni ko kugerageza gukomeza kwenyegeza muri we agashashi k'icyizere kari kakimurimo. Mu minsi ishize nakiriye ubutumwa bwe anyifuriza umunsi mwiza w'amavuko: ‚Sinzibagirwa na rimwe ibyo wankoreye no kuri ejo hazaza hanjye.' Amarira yahinse anzenga mu maso, kuko nahoraga niyumvisha ko ntashobora kumufasha uko bikwiye. Ariko nari narageragejе kumutega amatwi mbigiranye urukundo rw'ukuri. Ibyo byamufashije kwihangana no kubona ko muri we hari ubuzima."

Twifatanye na Edita muri uku kwezi kwa Mata turi mu nsanganyamatsiko igira iti: *„Korana byose ubwitange*!

Ku bw'itsinda go4peace Meinolf Wacker

---

P.S.: Mugire ubutwari bwo gusangiza abandi ubuhamya bwanyu kuri porogaramu ya go4peace muri serivisi " Discover & write".